HERE COMES THE BUS

Here Comes the Bus ni iki?

Here Comes the Bus ni urubuga rwa interineti rworoshye gukoresha na porogaramu ishyirwa mu bikoresho ngendanwa by'ikoranabuhanga ifasha ababyeyi n'abita ku bana kubona aho bisi y'ishuri itwara abana babo iherereye bifashishije mudasobwa, taburete, cyangwa telefone ikoresha ikoranabuhanga rigezweho. Ikirenze kuri ibyo, ubutumwa bwa imeyiri n'ubutumwa buza muri porogaramu zashyizwe mu bikoresho ngendanwa by'ikoranabuhanga, bufasha ababyeyi kohereza abana babo aho bisi zihagarara ku gihe.

Iyi porogaramu ishobora kugaragara kuri buri telefone yose ikoresha ikoranabuhanga rigezweho (Apple iPhone, Samsung Galaxy, BlackBerry, n'izindi) aho winjiza nimero iranga umunyeshuri y'umunyeshuri na nomero ya konti yatanzwe n'ifasi ishuri rihererereyemo.

Kurema konti:

Kugirango ureme konti ya *Here Comes the Bus* (HCTB) ukoresheje porogaramu, kurikiza intambwe ziri ku mapaji akurikira.

Koresha uyu mubare ugizwe n'imibarwa itanu ku mubare uranga ifasi ishuri rya GRPS rihererereyemo: 29651

Kuba ufite nomero iranga umunyeshyuri wawe ni ingenzi, niba uyizi. Niba utayizi, hazatangwa amabwiriza mu ntambwe zisoza yerekeye uburyo wayibona ku ishuri ryawe.

Kugira ngo utangire, shakisha "Here Comes the Bus" mu Bubiko bwa porogaramu bwigikoresho cyawe

Apple App Store: https://apps.apple.com/us/app/here-comes-the-bus/id981902595

Google Play Store: https://play.google.com/store/apps/details?id=com.synovia.herecomesthebus&hl=en_US&gl=US



1 **Kurura maze winjize** porogaramu ya *Here Comes the Bus* uyikuye mu bubiko bwa porogaramu za Apple cyangwa Google Play.



2 Iyo ufunguye porogaramu bwa mbere, Ubona ekara imeze itya.

Kanda "Sign Up" ku mpera ya paji.



3 Iyi ekara iragaragara.

Kanda"Continue".

4 Uzasabwa umubare uranga ifasi ishuri ryawe rihererereyemo.

Kanda "I Have the Code".



5 Ekara uremeraho konti yawe iragaragara.

Andika imeyili yawe, izina rusange n'izina bwite, **maze winjize 29651 ahagenewe umubare uranga ifasi ishuri rihererereyemo.**

Kanda"Continue".



6 "Grand Rapids Public Schools" igomba kugaragara mu gasanduku k'ikiganiro.

Niba ari ukuri, kanda **"Confirm"**.



7 Ekara y'aho gushyira ijambobanga izagaragara.

Andika ijambobanga wifuza gukoresha kuri porogaramu ya Here Comes the Bus ahagenewe kwandika no kongera kwandika ijambobanga.*

Kanda "Confirm Password".

*Icyitonderwa: Ushobora guhitamo "SHOW" ubaye ushaka gusuzuma inyuguti winjije. Ijambobanga ryawe rigomba kuba rifite inyuguti hgati ya 8 na 16, kandi zigizwe n'inyuguti nkuru n'into nibura n'umubare umwe n'inyuguti idasanzwe

8 Uzashimirwa kwiyandikisha muri *Here Comes the Bus.*



9 Uzashimirwa kwiyandikisha muri noreply@synovia.com. **Kanda "Activate My Account."** Uhhita woherezwa ku rubuga rwa interineti rwa Here Comes the Bus, ariko ushobora gusoreza inzira yo kurema konti kuri porogaramu.



10 Niba wasize porogaramu ifunguye, ushobora gukanda **"Login".** Bitabaye ibyo, nufungura porogaramu, uzabona ekara ya login.

Andika imeyiri yawe, kode y'ifashi ishuri rihererereyemo (29651), n'ijambobanga.

Kanda "Login".



11 Uzahita ujyanwa ku kongeraho amakuru y'umunyeshuri wawe. Niba udafite nomero iranga umunyeshuri wawe, **kanda "Need Your Student ID?"**

Niba uyifite, manuka ujye ku ntambwe ya 14.



12 Amabwiriza yerekeye uko wabona inomero iranga umunyeshuri wawe azagaragara.

Nyuma yo gukurikiza ayo mabwiriza ukabona nomero iranga umunyeshuri, **kanda "Continue".**



13 Ekara igaragaza amakuru y'umunyeshuri, Yaragagajwe ku ntambwe ya 11, izongera igaragare.

Andika izina bwite ry'umunyeshuri na nomero imuranga.

Kanda "Add Student".



14 Ahantu imodoka zihagarara ishami rishinzwe ubwikorezi ryinjije hazagaragara. **Niba ari byo, kanda "Proceed " usimbuke hasi ujye ku ntambwe ya 16.**

Niba atari ukuri, kanda "I Need Help".



15 Amabwiriza yerekeye uburyo bwo kumenyesha abo mu ishami rishinzwe ubwikorezi ko bafite aho bisi zihagarara hatariho ku ifishi azagaragara. Bazasabwa gusubiza ibintu ku murongo.

Nyuma yo kubikora, kanda "Continue" kuri iyi ekara.



16 Akarambararo kakumenyesha amakuru kazahita kagaragara ku ikarita. Aha ni umuzenguruko w'ahantu bisi itwara umunyeshuri wawe ihagarara—igihe bisi yinjiye mu karambararo ni igihe uzabona ubutumwa bukuburira kuri imeyiri cyangwa ubutumwa bwizana, nuramuka uhisemo kubwakira.

Kanda "Continue".



17 Uzabona ubutumwa bukubwira ko byakunze—Umunyeshuri wawe yongerewe kuri konti yawe!

Ushobora gukanda "Add Another Student" ukongera kunyura muri iyi nzira bibaye ngombwa.

Niba wamaze kongeraho abanyeshuri, kanda "Complete".



18 Uzoherezwa ku kwinjiza izina ry'igikoresho cyawe, nka "Elizabeth's S8."

Injiza izina ry'igikoresho cyawe maze ukande "Save".



19 Ekara ya *Here Comes the Bus* izagaragara.